Repubulika y'u Rwanda

Inteko Ishinga Amategeko

# UMWANZURO W'INTEKO ISHINGA AMATEGEKO Y'U RWANDA KU KIBAZO CY'UMUTEKANO MUKE MU BURASIRAZUBA BWA REPUBULIKA IHARANIRA DEMOKARASI YA KONGO NO KU MWANZURO W'INTEKO ISHINGA AMATEGEKO Y'UBUMWE BW'UBURAYI (2025/2553(RSP)) WO KU WA 13 GASHYANTARE 2025

21 Gashyantare 2025

Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda,

A. Imaze kubona Umwanzuro (2025/2553(RSP)) w'Inteko Ishinga Amategeko y'Ubumwe bw'Uburayi ku kibazo cy'umutekano muke mu burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo (DRC), usaba Perezida w'iyo Nteko kuwohererereza Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda n'indi miryango yo ku rwego rw'akarere n'iyo ku rwego mpuzamahanga;

B. Ishingiye ku kuba umuzi w'ibibazo by'umutekano muke ukomeje kugaragara mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo ushingiye ku mateka y'ubukoloni bitewe n'imipaka yashyizweho ku buryo budasobanutse mu nama yabereye i Berlin mu 1884-1885, amasezerano Mpuzamahanga yashyiriweho umukono i Buruseli mu Bubirigi mu 1910 byatumye abaturage benshi bavuga ururimi rw'ikinyarwanda bahinduka abaturage ba Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo;

C. Ishingiye ku kuba imiyoborere mibi ya Leta ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo (DRC) yaratumye abo baturage bavuga ururimi rw'Ikinyarwanda bafatwa nk'abanyamahanga, ibyo biteza amacakubiri, ubwicanyi n'imvugo z'urwango byibasira abo baturage, cyane cyane Abanyekongo bo mu bwoko bw'Abatutsi;

D. Ishingiye ku kuba uburasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo bwarahindutse indiri y'imitwe yitwaje intwaro irenga 250, uza ku isonga akaba ari umutwe w'iterabwoba wa FDLR (Forces Démocratiques de Libération du Rwanda), ugizwe n'abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu 1994;

E. Ishingiye ku bwicanyi bukorwa na Leta ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo (DRC) ifatanyije n'umutwe wa FDLR ugizwe n'abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bumaze guhitana ubuzima bw'Abanyekongo benshi bo mu bwoko

bw'Abatutsi mu myaka isaga 30 ishize, abandi benshi bakaba barahungiye mu bihugu byo mu karere, harimo n'u Rwanda rucumbikiye impunzi z'Abanyekongo zirenga 100.000;

F. Ishingiye ku kuba Umutwe wa FDLR ubifashijwemo na Leta ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo warakomeje kugaba ibitero ku Rwanda no gutera ibisasu ku butaka bw'u Rwanda, bigahitana ubuzima bw'abaturage, harimo igitero cyagabwe mu Kinigi mu Karere ka Musanze ku itariki ya 1 Ukwakira 2019, ndetse n'igitero cyagabwe mu Karere ka Rubavu ku wa 26 Mutarama 2025 kigahitana abaturage b'inzirakarengane 16 abandi 177 bagakomereka;

G. Ishingiye ku kuba Leta ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo (DRC) yarakoze ihuriro rifite umugambi wo gukuraho ubutegetsi buriho mu Rwanda, muri uwo mugambi ikaba ifatanya n'umutwe wa FDLR ugizwe n'abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, imitwe yitwaje intwaro ishingiye ku moko izwi nka Wazalendo, ingabo z'Uburundi, abacanshuro bo mu bihugu by'i Burayi ndetse n'ingabo z'Umuryango uhuza Ibihugu by'Afurika y'Amajyepfo (SAMIDRC) n'abacanshuro bo mu bihugu by'i Burayi;

H. Ishingiye ku kuba umutwe FDLR ugizwe n'abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 waramaze kwinjizwa mu ngabo za Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo (FARDC), ubu bakaba bafatanyije umugambi wo gutera u Rwanda no gukuraho ubutegetsi buriho mu Rwanda;

I. Ishingiye ku kuba ihuriro rya Leta ya Kinshasa ribangamiye umutekano w'u Rwanda ku buryo bukomeye ariko Inteko Ishinga Amategeko y'Ubumwe bw'Uburayi n'umuryango mpuzamahanga muri rusange bakomeje kwirengagiza icyo kibazo kigaragazwa na raporo zinyuranye n'ibindi bimenyetso by'uwo mugambi, ibi bikaba byaranashyizwe ahagaragara ku buryo bweruye nyuma y'ifatwa rya Goma, aho itangazamakuru ryagaragaje ko iryo huriro rya Leta ya Kinshasa ryari:

i. rifite ububiko bw'intwaro ziremereye zirimo drones z'intambara, misile zirasa zidahusha na morutsiye;
ii. ryaracukuye imyobo yo kwihishamo ireba mu cyerekezo cy'u Rwanda mu rwego rwo kwitegura imirwano;
iii. ryarateguye gahunda z'urugamba rwo kugaba ibitero simusiga k'u Rwanda;

J. Ishingiye ku kuba ibibazo by'umutekano muke mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo bireba Abanyekongo ubwabo, kandi bisaba Leta ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo kugaragaza ubushake bwa politiki mu rwego rwo kubikemura ihereye mu mizi yabyo;

1. Yamaganye ibikubiye mu Mwanzuro wafashwe n'Inteko Ishinga Amategeko y'Ubumwe bw'Uburayi kuko ugaragaza kubogama ukirengagiza nkana umuzi

w'ibibazo by'umutekano muke mu burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo, kandi ibyo bibazo bikaba bibangamiye umutekano w'u Rwanda;

2. Ibabajwe no kuba Inteko Ishinga Amategeko y'Ubumwe bw'Uburayi mu mwanzuro wayo utamagana uruhare rw'Umutwe wa FDLR, ikirengagiza ko uwo mutwe ufite uruhare rukomeye mu kibazo cy'umutekano muke ukomeje kugaragara mu burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo;

3. Ibabajwe kandi no kuba Inteko Ishinga Amategeko y'Ubumwe bw'Uburayi ntacyo ivuga ku itotezwa rikorerwa Abanyekongo bo mu bwoko bw'Abatutsi bakomeje kwibasirwa n'imvugo z'urwango, kwicwa ndetse n'abishwe bakaribwa, ndetse bagakorerwa n'ibindi bikorwa bya kinyamaswa;

4. Iramagana imyifatire y'Inteko Ishinga Amategeko y'Ubumwe bw'Uburayi irangwa no kwamagana Umutwe wa M23, ibyo ikabikora yirengagije impamvu zatumye uwo mutwe ubaho n'imbarutso yatumye habaho kubura imirwano;

5. Irasaba Inteko Ishinga Amategeko y'Ubumwe bw'Uburayi kutirengagiza ko amahoro n'umutekano mu Karere k'ibiyaga bibangamiwe n'ubutagondwa bushingiye ku moko, ibikorwa byo guhohotera no kwica abaturage bikomeje kuranga Leta ya DRC, FDLR, ingabo z'Uburundi n'Umutwe w'abaturage bitwaje intwaro Wazalendo;

6. Iramagana imvugo zikwirakwizwa n'Inteko Ishinga Amategeko y'Ubumwe bw'Uburayi zigamije kumvikanisha ko intandaro y'amakimbirane mu burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo ari ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, yirengagije ko impamvu nyakuri y'ibibazo ari politiki ya Leta ya DRC ishyira imbere amacakubiri, ubwicanyi n'imvugo z'urwango ku baturage b'Abanyekongo b'Abatutsi;

7. Iramagana kandi uburyo inkunga y'iterambere ikoreshwa nk'intwaro ya politiki, ndetse n'imbaraga zidasanzwe bimwe mu bihugu n'imiryango mpuzamahanga nk'Inteko Ishinga Amategeko y'Ubumwe bw'Uburayi bishyira mu gusaba ko u Rwanda rufatirwa ibihano;

8. Iributsa ko nk'uko amateka abigaragaza, ibihano bitigeze bikemura ibibazo by'amahoro n'umutekano, ahubwo byatumye Leta ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo ihitamo gukomeza inzira y'intambara nk'umuti w'ibibazo;

9. Iramagana imikoranire hagati ya Leta ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo n'abacanshuro bo mu bihugu bigize Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi kuko inyuranyije n'amasezerano yo mu 1977 y'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika n'amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye yo mu 1989 abuza ikoreshwa ry'abancanshuro, bityo ikaba isaba Umuryango Mpuzamahanga kwamagana iyo

mikoranire;

10. Ishyigikiye ko ikibazo cy'umutekano muke mu Burasirazuba bwa DRC gikemurwa binyuze mu nzira z'ibiganiro bitaziguye hagati y'impande zishyamiranye harimo n'Umutwe wa M23, nk'uko byemejwe mu myanzuro y'inama yahuje Abakuru b'Ibihugu bigize Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EAC) n'Umuryango w'Ubukungu w'Ibihugu byo muri Afurika y'Amajyepfo (SADC) yabaye ku wa 8 Gashyantare 2025 i Dar es Salaam, muri Tanzaniya, kandi iyo myanzuro ikaba yarashyigikiwe n'Umuryango w'Ubumwe bwa Afurika ku wa 15 Gashyantare 2025;

11. Irahamagarira Umuryango mpuzamahanga, by'umwihariko Ubumwe bw'Uburayi bufite ibihugu bigicumbikiye Abanyarwanda bashakishwa n'ubutabera kubera uruhare bagize muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu 1994, kugira uruhare rufatika mu kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside mu buryo igaragaramo bwose;

12. Iributsa ko buri gihugu gifite uburenganzira ntavogerwa bwo kurinda ubusugire bwacyo n'umutekano w'abaturage bacyo;

13. Irasaba ibihugu byose, imiryango yo mu karere n'iyo ku rwego mpuzamahanga kutagwa mu mutego wo kubogamira ku ruhande rumwe, nk'uko byakozwe n'Inteko Ishinga Amategeko y'Ubumwe bw'Uburayi, ahubwo bigashyigikira inzira z'ibiganiro bigamije kuzana amahoro arambye mu Karere k'ibiyaga bigari;

14. Yemeje ko uyu mwanzuro ushyikirizwa aba bakurikira:

    - Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko y'Ubumwe bw'Uburayi;
    - Perezida wa Komisiyo y'Ubumwe bw'Uburayi;
    - Inama y'Abaminisitiri b'Ububanyi n'Amahanga mu Muryango w'Ubumwe bw'Uburayi;
    - Visi Perezida wa Komisiyo y'Ubumwe bw'Uburayi akaba n'Intumwa Nkuru y'Ibihugu by'Ubumwe bw'Uburayi ishinzwe Ububanyi n'Amahanga n'ibirebana na politiki mu by'umutekano;
    - Perezida wa Komisiyo y'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika (AUC);
    - Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko Nyafurika (PAP);
    - Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EAC);
    - Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umuryango w'Ubukungu w'Ibihugu byo muri Afurika y'Amajyepfo (SADC).